

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE  
N°26/03 RYO KUWA 23/05/2012 RIGENA  
IBIPIMO, UBURYO BWO KUBARA,  
IBISABWA N'IBIKURIKIZWA MU  
GUTANGA INDISHYI N'IBINDI  
BIGENERWA UWAHOHOTEWE  
N'INYAMASWA

PRIME MINISTER'S ORDER N°26/03 OF  
23/05/2012 DETERMINING THE RATES,  
CALCULATING METHOD AND CRITERIA  
FOR DETERMINING COMPENSATION TO  
THE VICTIM OF DAMAGE CAUSED BY AN  
ANIMAL

ARRETE DU PREMIER MINISTRE  
N°26/03 DU 23/05/2012 DETERMINANT  
LES TAUX, MODALITES DE CALCUL ET  
CRITERES DE DETERMINATION DES  
INDEMNITES ALLOUEES A LA  
VICTIME DES DOMMAGES CAUSES  
PAR UN ANIMAL

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLES DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2 : Définitions**

**UMUTWE WA II: UBURYO BWO  
GUTANGA INDISHYI**

**CHAPTER II: MODALITIES FOR  
AWARDING DAMAGES**

**CHAPITRE II : MODALITES  
D'INDEMNISATION**

**Ingingo ya 3: Ibyangombwa bisabwa uwaka  
indishyi**

**Article 3: Requirements to be fulfilled by the  
person requesting compensation**

**Article 3: Pièces requises pour la demande  
d'indemnités**

**Ingingo ya 4 : Inyandikomvugo igaragaza uko  
inyamaswa yahohoteye cyangwa yangirije  
umuntu**

**Article 4: Statement explaining how an animal  
injured or damaged somebody's property**

**Article 4: Procès verbal de constat des  
préjudices corporels ou des pertes matérielles  
causés à la personne**

**Ingingo ya 5: Abagize komite ikora inyandiko-  
mvugo**

**Article 5: Members of the approving Committee**

**Article 5: Membres du Comité de validation  
des dégâts**

**Ingingo ya 6: Inzira uwahohotewe anyuramo**

**Article 6: Procedure followed by a victim**

**Article 6: Procédure suivie par une victime**

**Ingingo ya 7: Icyemezo cya muganga**

**Article 7: Medical certificate**

**Article 7: Certificat médical**

**Ingingo ya 8 : Isuzuma ry'icyemezo**

**Article 8: Examination of medical certificate**

**Article 8: Examen du certificat médical**

<u>Ingingo ya 9:</u> Ikemurwa ry'impaka kuri raporo ya muganga	<u>Article 9:</u> Settlement of dispute on medical report	<u>Article 9:</u> Règlement des litiges en rapport avec le rapport médical
<u>Ingingo ya 10:</u> Kuvuguruza raporo ya muganga	<u>Article 10:</u> Challenging a Medical report	<u>Article 10:</u> Défier le rapport médical
<u>Ingingo ya 11 :</u> Gusuzuma raporo y'abahanga igaragaza ibyangiritse n'agaciro kabyo	<u>Article 11:</u> Examination of experts' report on damaged property and its value	<u>Article 11:</u> Examen du rapport d'expertise sur les préjudices matériels et leur valeur
<u>Ingingo ya 12:</u> Uburyo bwo kwishyura	<u>Article 12:</u> Modalities for awarding compensation	<u>Article 12:</u> Modalités de paiement
<b>UMUTWE WA III: UBURYO BWO KUBARA INDISHYI N'IBINDI BIGENWE KU MUNTU WAPFUYE</b>	<b>CHAPTER III: MODALITIES FOR CALCULATING THE COMPENSATION AND OTHER INDEMNITIES FOR THE DECEASED PERSON</b>	<b>CHAPITRE III: MODALITES DE CALCUL DES INDEMNITES ET AUTRES FRAIS CONSECUTIFS AU DECES D'UNE PERSONNE</b>
<u>Ingingo ya 13:</u> Amafaranga asubizwa	<u>Article 13:</u> Amount of money to be refunded	<u>Article 13:</u> Frais à restituer
<u>Ingingo ya 14:</u> Indishyi mbonezamusaruro	<u>Article 14:</u> Compensation for pecuniary loss	<u>Article 14:</u> Indemnités pour préjudice économique
<u>Ingingo ya 15:</u> Umusaruro fatizo w'umwaka	<u>Article 15:</u> Net annual income	<u>Article 15 :</u> Revenu annuel net
<u>Ingingo ya 16:</u> Indishyi z'akababaro	<u>Article 16:</u> Compensation for moral damage	<u>Article 16:</u> Indemnités pour préjudice moral
<b>UMUTWE WA IV: UBURYO BWO GUTANGA INDISHYI KU MUNTU WAKOMEREKEJWE</b>	<b>CHAPTER IV: MODALITIES FOR AWARDING COMPENSATION TO AN INJURED PERSON</b>	<b>CHAPITRE IV: MODALITES DE CALCUL DES INDEMNITES ET AUTRES FRAIS POUR UNE PERSONNE BLESSEE</b>
<u>Ingingo ya 17:</u> Amafaranga asubizwa	<u>Article 17:</u> Amount of money to be refunded	<u>Article 17:</u> Frais à restituer
<u>Ingingo ya 18:</u> Indishyi mbonezamusaruro	<u>Article 18:</u> Compensation for pecuniary loss	<u>Article 18 :</u> Indemnités pour préjudice économique
<u>Ingingo ya 19:</u> Indishyi mbonezamusaruro ku bumuga bw'igihe gito	<u>Article 19:</u> Compensation for pecuniary loss in case temporary disability	<u>Article 19:</u> Indemnités pour préjudice économique suite à une incapacité temporaire
<u>Ingingo ya 20:</u> Indishyi mbonezamusaruro ku	<u>Article 20:</u> Compensation for pecuniary loss due	<u>Article 20:</u> Indemnités pour préjudice

<b>bumuga buhoraho butarengeje 30%</b>	<b>to permanent disability not exceeding 30%</b>	<b>économique suite à une incapacité permanente ne dépassant pas 30%</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Indishyi mbonezamusaruro ku bumuga buhoraho burengeje 30%</b>	<b><u>Article 21:</u> Compensation for pecuniary loss due to permanent disability exceeding 30%</b>	<b><u>Article 21:</u> Indemnités pour préjudice économique suite à une incapacité permanente supérieure à 30%</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Indishyi ku ibangamira riterekeye umutungo</b>	<b><u>Article 22:</u> Compensation for loss not affecting property</b>	<b><u>Article 22:</u> Indemnités pour préjudices extra – patrimoniaux</b>
<b><u>UMUTWE V:</u> UBURYO BWO GUTANGA INDISHYI KU MUNTU WANGIRIJWE IBYE N'INYAMASWA</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> MODALITIES FOR AWARDING COMPENSATION TO A PERSON WHOSE PROPERTY HAS BEEN DAMAGED BY ANIMALS</b>	<b><u>CHAPITRE V :</u> MODE DE CALCUL DES INDEMNITES POUR PREJUDICES MATERIELS CAUSES PAR DES ANIMAUX</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Uburyo bwo kubara ibyangijwe</b>	<b><u>Article 23:</u> Modalities for calculating damaged property</b>	<b><u>Article 23:</u> Modalités de calcul de la valeur des préjudices matériels</b>
<b><u>Ingingo ya 24:</u> Gutakaza amahirwe yo kwaka indishyi</b>	<b><u>Article 24:</u> Loss of the right to claim compensation</b>	<b><u>Article 24:</u> Perte du droit aux indemnités</b>
<b><u>Ingingo ya 25</u> Igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha ihohoterwa</b>	<b><u>Article 25:</u> Deadline to notify damages</b>	<b><u>Article 25 :</u> Temps limite pour communiquer les dégâts</b>
<b><u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZISOZA</b>	<b><u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE VI :</u> DISPOSITIONS FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 26:</u> Ingingo rusange</b>	<b><u>Article 26:</u> General provisions</b>	<b><u>Article 26:</u> Dispositions générales</b>
<b><u>Ingingo ya 27:</u> Uburyo impaka zikemurwa</b>	<b><u>Article 27:</u> Modalities for dispute settlement</b>	<b><u>Article 27 :</u> Règlement des litiges</b>
<b><u>Ingingo ya 28:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka</b>	<b><u>Article 28:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b>	<b><u>Article 28:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</b>
<b><u>Ingingo ya 29</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</b>	<b><u>Article 29:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 29:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 30:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 30:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 30:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEKA RYA MINISITIRI W' INTEBE N°26/03 RYO KUWA 23/05/2012 RIGENA IBIPIMO, UBURYO BWO KUBARA, IBISABWA N'IBIKURIKIZWA MU GUTANGA INDISHYI N'IBINDI BIGENERWA UWAHOHOTWE N'INYAMASWA**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°26/03 OF 23/05/2012 DETERMINING THE RATES, CALCULATING METHOD AND CRITERIA FOR DETERMINING COMPENSATION TO THE VICTIM OF DAMAGE CAUSED BY AN ANIMAL**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 26/03 DU 23/05/2012 DETERMINANT LES TAUX, MODALITES DE CALCUL ET CRITERES DE DETERMINATION DES INDEMNITES ALLOUEES A LA VICTIME DES DOMMAGES CAUSES PAR UN ANIMAL**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 26/2011 ryo kuwa 27/07/2011 ryerekeye imyishyurire y'abahohotewe n'inyamaswa;

Ashingiye ku Itegeko n° 52/2011 ryo kuwa 14/12/2011 rishyiraho Ikigega cyihariye cy'ingoboka ku bwishingizi bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'izikomoka ku nyamaswa, rikanagena imiterere, imikorere n'inshingano byacyo;

Bisabwe na Minisitiri w'Inganda n'Ubucuruzi;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08 Gashyantare 2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 118, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 26/2011 of 27/07/2011 on compensation for damages caused by animals;

Pursuant to Law n° 52/2011 of 14/12/2011 establishing the Special Guarantee Fund for automobile and damages caused by animals (SGF) and determining its organisation, functioning and mission;

On proposal by the Minister of Trade and Industry;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08 February 2012;

**HEREBY ADOPTS:**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 121 et 201;

Vu la Loi n° 26/2011 du 27/07/2011 portant indemnisation des préjudices causés par des animaux ;

Vu la Loi n° 52/2011 du 14/12/2011 portant création du Fonds Spécial de Garantie Automobile et des dommages causés par les animaux (SGF) et déterminant son organisation, fonctionnement et sa mission;

Sur proposition du Ministre du Commerce et de l'industrie ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08 Février 2012;

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena ibipimo, uburyo bwo kubara, ibisabwa n'ibindi bikurikizwa mu gutanga indishyi n'ibindi bigenerwa :

- 1° Uwahohotewe n'inyamaswa z'agasozi ziri ku rutonde rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite imicungire ya Pariki z'Igihugu mu nshingano ze bahuriye muri Pariki n'ahandi hantu hakomye ari mu kazi cyangwa ahasura mu buryo bwemewe n'urwego rubifite mu nshingano;
- 2° Umuntu wese wangirijwe ibye n'inyamaswa iri ku rutonde rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite imicungire ya Pariki z'Igihugu mu nshingano ze, cyangwa indi nyamaswa bigaragaye ko yasohotse muri pariki hashingiwe ku rutonde rw'izisanzwe zibarizwamo, bahuriye hanze ya Pariki cyangwa hanze y'ahandi hantu hakomye.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Hakurikijwe iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **Impuguke:** ni umuntu ufite ubuzobere mu mwuga w'ubugorome, w'ubuveterineri,

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the rates, calculation modalities, requirements and other procedures to be followed while awarding compensation and other indemnities to:

- 1° Any person damaged by any animal listed on the list established by the Minister in charge of conservation of National Parks encountered in the National Park or other protected areas during work or visit authorized by a competent authority;
- 2° Any person's property damaged by any animal on the list established by an Order of the Minister in charge of conservation of National Parks or any animal from the National park according to the list of animal in those national parks encountered outside the park or outside another protected area.

**Article 2: Definitions**

In this Order, the following words shall have the following meaning:

- 1° **Experts:** persons with expertise in agronomy, veterinary sciences, assessment

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté fixe les taux, modalités de calcul, les conditions et autres procédures pour accorder des indemnités et autres frais dus à :

- 1° Toute personne victime des dommages corporels ou matériels causés par tout animal rencontré dans les Parcs Nationaux ou à un autre endroit protégé, alors qu'elle est en service ou en visite autorisée par l'organe compétent ;
- 2° Toute personne victime des dommages matériels causés par tout animal figurant sur la liste déterminée par arrêté du Ministre ayant la Conservation de Parcs Nationaux ou tout animal dont il est prouvé qu'il est sorti des Parcs Nationaux selon le liste préétablie des animaux s'y trouvant dans ses attributions, rencontré en dehors du parc ou en dehors de tout autre endroit protégé.

**Article 2 : Définitions**

Au sens du présent arrêté, les mots suivants signifient :

- 1° **Experts :** Ce sont des personnes spécialisées en agronomie ou en

kubara imitungo yimukanwa n'itimukanwa, n'ibindi, kandi bashyirwaho n'inzeho zibifitiye ububasha.

- 2° **Uwahohotewe ukorera umushahara:** uwahohotewe ukora akazi ahemberwa cyangwa umaze igihe kitarenze amezi atandatu (6) adakora.
- 3° **Ubumuga ku kazi bw'igihe gito:** guhagarika akazi by'igihe gito cyangwa by'igice bitewe n'ihohoterwa yakorewe n'inyamaswa.
- 4° **Ubumuga buhoraho:** igabanuka ry'ubushobozi bw'umubiri, ryo gutekereza no kumva cyangwa ry'ubwenge, riterwa no kumererwa nabi cyane k'umubiri w'uwahohotewe. Ubumuga butewe no guhohoterwa n'inyamaswa bufatwa ko buhoraho uhereye ku itariki bwagarariyeho bwemejwe n'abaganga bemewe na Leta.
- 5° **Indishyi mbonezamusaruro:** Indishyi zitangwa ziyanye n'umugaruro w'akazi umuntu yakoraga.

of movable and immovable property, etc. authorized by the competent authority.

- 2° **Salaried victim:** a victim carrying out a salaried job or who has spent less than six (6) months without a job.
- 3° **Temporary disability:** Temporary suspension of work or part time work due to injury caused by an animal.
- 4° **Permanent disability:** reduction of physical capacity, thinking and hearing abilities and of intelligence resulting from victims' severe physical injury. Disability resulting from injury caused by an animal shall be considered permanent from the date of its occurrence certified by an authorized medical doctor.
- 5° **Compensation for pecuniary loss:** Compensation to be calculated based on income from victim's former work.

sciences vétérinaires, en détermination de la valeur des biens meubles et immeubles, etc. et qui sont autorisées par des autorités compétentes.

- 2° **Victime salariée:** Victime exerçant une activité rémunérée ou en cessation d'activité dans un délai ne dépassant pas six (6) mois.
- 3° **Incapacité temporaire de travail:** L'arrêt temporaire ou partiel de travail issu des préjudices corporels causé par un animal.
- 4° **Incapacité permanente:** La réduction du potentiel physique, psychosensoriel ou intellectuel, résultant de l'atteinte grave portée à l'intégrité corporelle de la victime. L'incapacité causée par un animal est considérée comme permanente à partir de la date de son apparition certifiée par un médecin agréé.
- 5° **Indemnités pour préjudice économique:** Les indemnités accordées et calculées sur base du revenu professionnel de la victime.

## **UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUTANGA INDISHYI**

### **Ingingo ya 3: Ibyangombwa bisabwa uwaka indishyi**

Uwahohotewe, uwangirijwe ibye n'inyamaswa cyangwa uwo mu muryango we ubifitiye

## **CHAPTER II: MODALITIES FOR AWARDING DAMAGES**

### **Article 3: Requirements to be fulfilled by the person requesting compensation**

The victim, a person whose property has been damaged by animals, or their authorized close

## **CHAPITRE II: MODALITES D'INDEMNISATION**

### **Article 3: Pièces requises pour la demande d'indemnités**

La victime des préjudices corporels ou matériels causés par des animaux ou tout autre ayant droit

*Official Gazette n° 25 of 18/06/2012*

uburenganzira ashyikiriza urwego rushinzwe gutanga indishyi inyandiko zikurikira:

**1° Ku wapfuye**

**a. Inyandiko za ngombwa :**

- i) Ibaruwa isaba indishyi yandikiwe ubuyobozi bw'urwego rushinzwe gutanga indishyi ;
- ii) Inyandiko-mvugo igaragaza uko inyamaswa yamuhohoteye ;
- iii) Inyandiko-mvugo y'abatangabuhamya babajijwe n'Ubuyobozi bw'Akagari impanuka yabereyemo ;
- iv) icyemezo cy'uko yapfuye cyatanzwe na muganga wemewe na Leta ;
- v) icyemezo cy'uko yapfuye gitangwa n'Umuyobozi ubifitiye ububasha ;
- vi) icyemezo cy'amavuko cy'uwapfuye ;
- vii) icyemezo cy'imwirondoro wuzuye, cy'uwapfuye ;
- viii) icyemezo cy'uko ariho ku bafite uburenganzira ku ndishyi ;
- ix) icyemezo cy'umwirondoro wuzuye ku bafite uburenganzira ku ndishyi ;

relative shall submit the following documents to the compensation awarding department:

**1° For a deceased person**

**a. Main documents:**

- i) Letter requesting for compensation addressed to the head of the compensation awarding department;
- ii) Statement explaining how the victim was attacked by an animal;
- iii) Statement of the testimonies made by witnesses interrogated by the authorities of the cell where the accident took place;
- iv) Death certificate issued by a Government authorized doctor;
- v) Death certificate issued by competent authority;
- vi) Birth certificate of the deceased;
- vii) Full identify certificate of the deceased;
- viii) Document certifying that the rightful beneficiary is still alive;
- ix) Full identity certificate for persons entitled to compensation;

autorisé doit faire parvenir à l'organe chargé de payer des indemnités, les documents suivants :

**1° Pour une personne morte**

**a. Principaux documents :**

- i) La lettre de demande d'indemnités adressée à la direction de l'organe chargé de payer des indemnités ;
- ii) Le procès verbal relatant le déroulement de l'attaque par l'animal;
- iii) Les procès verbaux d'audition des témoins entendus par les responsables de la Cellule de survenance de l'accident ;
- iv) Le certificat de décès délivré par un médecin agréé par le Gouvernement ;
- v) Le certificat de décès délivré par une autorité de base compétente ;
- vi) L'attestation de naissance de la personne défunte ;
- vii) L'attestation d'identité complète de la personne défunte ;
- viii) Les attestations de vie des ayants droit ;
- ix) Les attestations d'identités complètes des ayants droit ;

*Official Gazette n° 25 of 18/06/2012*

x) icyemezo cy'ubushyingirane ku washakanye na nyakwigendera ukiriho.

x) Marriage certificate of the spouse of the deceased that survived the latter.

x) L'attestation de mariage du veuf survivant de la victime défunte.

**b. Izindi nyandiko zisabwa**

**b. Other documents**

**b. Autres documents**

i) Inyandiko zigaragaza amafaranga yo kwivuzwa, yo gushyirwa mu bitaro, yo kugura imiti, yo gutwarwa mu modoka itwara abarwayi, yo kongera kumenyereza umubiri, yo kugorora ingingo, y'ibyuma bikoreshwa, y'insimburangingo n'ay'ingendo zo kujya kwivuzwa ;

i) Invoices for medical treatment, hospitalization, purchase of drugs, transportation in ambulance, physiotherapy, rehabilitation, appliances used, prostheses and transport to hospital to seek medical treatment;

i) Les factures des soins médicaux, d'hospitalisation, d'achat des médicaments, de transport en ambulance de physiothérapie, de réhabilitation articulaire, des appareils utilisés, d'achat des prothèses et de déplacement pour aller se faire soigner ;

ii) icyemezo kigaragaza umushahara nyakwigendera yahembwaga cyangwa umwuga yakoraga iyo uzwi neza ;

ii) Salary certificate of the deceased person or his/her former profession, where it is well known;

ii) L'attestation de salaire de la victime défunte ou sa profession si celle-ci était bien connue ;

iii) Inyandiko y'itangabubasha yemejwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu gihe abasaba indishyi badashoboye kwikurikiranira dosiye.

iii) Power of attorney approved by competent authorities where the persons requesting for compensation cannot personally follow up their case.

iii) Une procuration spéciale approuvée par l'autorité compétente en cas d'empêchement des ayants droit.

**2° Ku wakomeretse**

**2° For the injured person**

**2° Pour la personne blessée par un animal**

i) Ibaruwa isaba indishyi yandikiwe ubuyobozi bw'urwego rushinzwe gutanga indishyi,

i) Letter requesting for compensation addressed to the head of the compensation awarding department;

i) La lettre de demande d'indemnités adressée à la direction de l'organe chargé de payer des indemnités ;

ii) Inyandiko-mvugo igaragaza uko inyamaswa yamuhohoteye ;

ii) Statement explaining how the victim was attacked by an animal ;

ii) Le procès verbal relatant le déroulement de l'attaque par un animal ;

iii) Inyandiko-mvugo y'abatangabuhamya babajijwe n'ubuyobozi bw'Akagari impanuka yabereyemo ;

iii) Statement of the testimonies made by witnesses interrogated by the authorities of the Cell where the accident took place;

iii) Les procès verbaux d'audition des témoins entendus par les responsables de la Cellule de survenance de



*Official Gazette n° 25 of 18/06/2012*

iv) Inyandiko zigaragaza amafaranga yo kwivuza, yo gushyirwa mu bitaro, yo kugura imiti, yo gutwarwa mu modoka itwara abarwayi, yo kongera kumenyereza umubiri, yo kugorora ingingo, y'ibyuma bikoreshwa, y'insimburangingo n'ay'ingendo zo kujya kwivuza ;	iv) Invoices for medical treatment, hospitalization, purchase of drugs, transportation in ambulance, physiotherapy, rehabilitation, appliances used, prostheses and transport to hospital to seek medical treatment,	l'accident ; iv) Les factures des soins médicaux, d'hospitalisation, d'achat des médicaments, de transport en ambulance de physiothérapie, de réhabilitation articulaire, des appareils utilisés, d'achat des prothèses et de déplacement pour aller se faire soigner ;
v) icyemezo cya muganga wemewe na Leta ;	v) Certificate issued by a Government authorized doctor;	v) Le certificat médical délivré par un médecin agréé par le Gouvernement ;
vi) icyemezo cy'amavuko ;	vi) Birth certificate;	vi) L'attestation de naissance de la victime ;
vii) icyemezo cy'uko ariho,	vii) Document certifying that he\she is alive;	vii) L'attestation de vie de la victime ;
viii) icyemezo cy'imwirondoro wuzuye,	viii) Full identity certificate;	viii) L'attestation d'identité complète de la victime ;
ix) Ikiagaragaza umushahara uwakomeretse yahembwaga cyangwa umwuga yakoraga iyo uzwi neza,	ix) Salary certificate of the injured person or his\her former profession, where it is well known;	ix) L'attestation de salaire de la victime ou sa profession si celle-ci était bien connue ;
x) Inyandiko y'itangabubasha yemejwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu gihe atashoboye kwikurikiranira dosiye.	x) Power of attorney approved by competent authorities where the persons requesting for compensation cannot personally follow up their case.	x) Une procuration spéciale approuvée par l'autorité compétente en cas d'empêchement de la victime.

**3 ° Ku wangirijwe ibintu**

**3° For a person whose property has been damaged**

**3° Pour la victime des préjudices matériels**

i) Ibaruwa isaba indishyi yandikiwe ubuyobozi bw'urwego rushinzwe gutanga indishyi ;	i) Letter resquesting for compensation addressed to the head of the compensation awarding department;	i) La lettre de demande d'indemnités adressée à la direction de l'organe chargé de payer des indemnités ;
--	---	---

*Official Gazette n° 25 of 18/06/2012*

ii) Inyandiko-mvugo igaragaza uko inyamaswa yamwangirije ;	ii) Statement explaining how the victim property was damaged by an animal;	ii) Le procès verbal relatant le déroulement de l'attaque par un animal;
iii) Ifoto igaragaza ibyangijwe yafashwe aho byabereye nta kirahindurwaho ;	iii) Photograph showing the damaged property;	iii) Une photographie prise pour présenter l'état des dégâts ;
iv) icyemezo kigaragaza ko ibyo yakira indishyi ari ibye ;	iv) Certificate of ownership of the damaged property	iv) Un document attestant que les biens ou objets endommagés lui appartiennent ;
v) Inyandiko-mvugo y'abatangabuhama babajijwe n'Ubuyobozi bw'Akagari,	v) Statement of the testimonies made by witnesses interrogated by Cell authorities;	v) Les procès verbaux d'audition des témoins entendus par les responsables de la Cellule de surveillance de l'accident ;
vi) Inyandiko y'abahanga igaragaza ibyangiritse n'agaciro kabyo ;	vi) Expert's report assessing the damaged property and its value;	vi) Le rapport d'expertise relatant les biens endommagés et leur valeur ;
vii) Inyandiko y'itangabubasha yemejwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu gihe atashoboye kwikurikiranira dosiye.	vii) Power of attorney approved by competent authorities where the person requesting for compensation cannot personally follow up his or her case.	vii) Une procuration spéciale approuvée par l'autorité compétente en cas d'empêchement de la victime.

**Ingingo ya 4 : Inyandikomvugo igaragaza uko inyamaswa yahohoteye cyangwa yangirije umuntu**

Inyandikomvugo igaragaza uko inyamaswa yahohoteye umuntu cyangwa yamwangirije itegurwa n'abagize komite iteganywa mu ngingo ya 5 y'iri teka. Imiterere y'iyi nyandiko igenwa n'urwego rushinzwe gutanga indishyi.

**Article 4: Statement explaining how an animal injured or damaged somebody's property**

The statement explaining how an animal injured or damaged somebody's property shall be prepared by the members of the Committee provided for in Article 5 of this Order. The form and the content of the statement are determined by the compensation awarding department.

**Article 4: Procès verbal de constat des préjudices corporels ou des pertes matérielles causés à la personne**

Le procès verbal de constat des préjudices corporels ou des pertes matérielles et du déroulement de l'accident est établi par les membres du Comité tels que déterminés par l'article 5 du présent arrêté. La forme et le contenu du procès verbal sont déterminés par l'organe chargé de payer les indemnités.

**Ingingo ya 5 : Abagize komite ikora inyandiko-mvugo**

Komite yemeza ibyangijwe n'inyamaswa igomba kuba igizwe n'abantu bakurikira :

- 1° Uhagarariye urwego rwa Polisi rw'aho byabereye ;
- 2° Umuyobozi w'umudugudu ihohoterwa ryabereyemo ;
- 3° Umunyamabanga nshingwa bikorwa w'akagari byabereyemo ;
- 4° Umunyamabanga nshingwa bikorwa w'umurenge cyangwa umuhagarariye;
- 5° Uharagariye urwego rushinzwe imicungire ya parike.

**Ingingo ya 6: Inzira uwahohotewe anyuramo**

Ihohoterwa rigomba kumenyeshwa Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge w' aho ryabereye mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ikimenyetso cy'uko imenyekanisha ryakiriweyo kikaba ari yo ntangamugabo. Igihe bibaye ngombwa, amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe ashobora kugena ahandi iryo menyekanisha ryakorerwa.

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge akimara kubimenya yohereza impuguke kugena

**Article 5: Members of the approving Committee**

The committee that approves damages caused by the animals shall be composed of the following:

- 1° The representative of the Police in the area where the accident took place;
- 2° The head of the village where the accident took place;
- 3° The Executive Secretary of the cell where the accident took place;
- 4° The Executive Secretary of the sector or his/her representative;
- 5° A representative of the institution in charge of park management in that area.

**Article 6: Procedure followed by a victim**

Any damages caused by the wild animals must be reported to the Executive Secretary of the Sector where the accident took place within a period not exceeding seven (7) days, the receipt of the notification shall be an element of evidence if considered necessary. If considered necessary, Prime Minister instructions may determine another place where damages can be reported.

The Executive secretary of Sector immediately after notification sends the expert to value the

**Article 5 : Membres du Comité de validation des dégâts**

Le Comité de validation des dégâts est composé comme suit :

- 1° Un représentant de la Police dans la zone de l'accident ;
- 2° Le responsable de l'agglomération du lieu d'accident ;
- 3° Le Secrétaire Exécutif de la cellule du lieu d'accident ;
- 4° Le Secrétaire Exécutif du Secteur ou son représentant;
- 5° Un représentant de l'institution ayant la gestion des parcs nationaux dans ses attributions.

**Article 6 : Procedure suivie par une victime**

Les dommages corporels ou matériels causés par le fait d'un animal doivent être déclarés au Secrétaire Exécutif du Secteur dans lequel le fait s'est produit dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours, et la réception de cette notification sert de preuve. Si nécessaire, des instructions du Premier Ministre peuvent déterminer un autre lieu où la déclaration peut se faire.

Immédiatement après notification, le Secrétaire Exécutif du Secteur doit envoyer un expert pour

*Official Gazette n° 25 of 18/06/2012*

agaciro k'ibyangiritse akanahamagaza komite yemeza ibyangirijwe bagahurira mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi aho ihohoterwa ryabereye kugirango bakore raporo. Iyo komite iterana mu buryo bwemewe iyo nibura 3/5 by'abayigize bahari.

Impuguke igomba guhita ikora raporo igaragaza ibyangiritse n'agaciro kabyo, iyo raporo ikazaba igize umugereka w'inyandikomvugo.

Iyo raporo y'ihohoterwa ishyikirizwa umurenge mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye igihe bagiriye aho ihohoterwa ryabereye, uwahohotewe akaba agomba kuyihabwa n'umurenge nta kiguzi, na we akayishyikiriza urwego rutanga indishyi igihe giteganywa n'itegeko kitararenga.

Urwego rwishyura ruzagirana amasezerano n'amavuriro atandukanye kugirango abahohotewe bahabwe ubutabazi bwihuse nta mananiza.

**Ingingo ya 7: icyemezo cya muganga**

Uwahohotewe cyangwa umuhagararira mu by'amategeko abihereye uburenganzira ageza ku rwego rushinzwe gutanga indishyi icyemezo cya muganga umuvura gisobanura neza ibikomere yagize kinagaragaza uko avurwa cyangwa azavurwa. icyo cyemezo kigomba kugaragaza neza itariki yagereyeho kwa muganga, yaba yagiye mu bitaro kikagaragaza igihe yabyinjiriyemo ndetse n'igihe ubumuga bw'igihe

damage, he/she shall call upon a committee to confirm the damaged property within five (5) working days to the place of the event and make a report thereof. That committee meets atleast when the 3/5 are present.

The expert immediately makes the report that shows the damaged property and its value, that report shall be annexed on the statement.

The said report shall be submitted to the Sector authority within three (3) working days from their visit to the place of the event, the victim must get the report free of charge, and the victim shall submit the report to the compensation authority before expiration of the duration stipulated by law.

The compensation authority shall conclude an agreement with different hospitals for the victims to get quick and unconditional treatment.

**Article 7: Medical certificate**

The victim or his/her legally authorized representative shall submit to the compensation awarding department a medical certificate issued by his/her doctor explaining in details the injuries sustained and how that person is treated or shall be treated. This certificate must clearly mention the date on which the injured person arrived at the hospital, date of hospitalization, if any, and duration of temporary disability.

evaluer les dommages causés et doit convoquer le comité d'évaluation endéans cinq (5) jours ouvrables, qui doit se réunir à l'endroit où les dommages se sont produits. Le comité se réunit si au moins le 3/5 des membres est présent.

L'expert doit faire un rapport de constat qui doit être annexé au procès-verbal.

Le rapport de constat doit être envoyé endéans trois (3) jours ouvrable à compter à partir de la date à laquelle la visite a eu lieu. Le Secteur est tenu de remettre gratuitement le rapport de constat à la victime, qui à son tour, doit le soumettre à l'organe chargé de compensation dans un délai prévu par la loi.

L'organe de compensation conclut un contrat avec les différents hôpitaux en vue de permettre aux victimes de recevoir les soins nécessaires et sans délais.

**Article 7: Certificat médical**

La victime blessée ou son mandataire doit faire parvenir à l'organe chargé de payer des indemnités, une expertise de son médecin traitant détaillant l'état des blessures ainsi que le cadre actuel ou futur de son traitement. Ce certificat doit bien préciser la date de réception de la victime par l'hôpital, celle de son hospitalisation ainsi que la durée de son incapacité temporaire.

gito buzamara.

Iyo amaze gukira muganga wamuvuye amuha ikindi cyemezo kigaragaza ko yakize, ingano y'ubumuga afite niba buhari, uburyo yavuwe, itariki yasubiriyeho ku kazi; ibyo bitashoboka agatanga impamvu ibyo bisobanuro bitatanzwe.

**Ingingo ya 8: Isuzuma ry'icyemezo**

Rukimara kubona icyemezo kivugwa mu ngingo ibanziriza iyi, urwego rushinzwe gutanga indishyi rushobora kwitabaza undi muganga kugira ngo asuzume ibyo byemezo, byaba ngombwa akongera gusuzuma uwo muntu. Uwo muganga ashobora kwiyambaza abandi baganga bamufasha. Ibivuye mu cyemezo cy'uwo muganga bigomba kumenyeshwa uwasabye indishyi mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe icyo cyemezo cyashyikirijwe urwego rutanga indishyi.

Uwahohotewe agomba kugaragaza icyemezo cye kuri iyo raporo ya muganga yarenza iminsi mirongo itatu (30) atabikoze bigafatwa ko yayemeye.

**Ingingo ya 9: Ikemurwa ry'impaka kuri raporo ya muganga**

Mu gihe uwahohotewe atishimiye ibyavuye muri raporo ya muganga w'urwego rutanga indishyi

Where the injured person has totally recovered, his/her doctor shall issue him/her another certificate confirming that he/she has recovered, indicating the level of disability, if any, the medical services provided, the date of resumption of work, or else, give reasons why these details were not given.

**Article 8: Examination of medical certificate**

Upon receiving the certificate mentioned in the preceding Article, the compensation awarding department may call upon another doctor to examine that certificate, and even re-examine that person, where necessary. That doctor may seek assistance from other doctors. The results of the new medical report must be notified to the person who requested for compensation in a period not exceeding thirty (30) days since the date on which the compensating awarding department was notified of the decision.

The victim is required to give his/her opinion on that medical report in a period not exceeding thirty (30) days, or he/she shall be considered to have agreed with the contents of that report.

**Article 9: Settlement of dispute on medical report**

Where the victim is not happy with the contents of the medical report filed by the doctor appointed by

Après le rétablissement de la victime blessée, son médecin traitant délivre le certificat médical indiquant qu'elle est rétablie, le degré de son incapacité éventuelle, les soins médicaux administrés en faveur du patient, la date de reprise du travail ou à défaut, des raisons de non production de ces détails.

**Article 8: Examen du certificat médical**

L'organe chargé de payer des indemnités peut, dès réception du certificat médical mentionné à l'article précédent, recourir à un autre médecin pour une éventuelle contre expertise médicale, avec possibilité de réexamen de la victime de l'accident. Le médecin peut lui aussi se faire assister par d'autres médecins de son choix. Les résultats de l'examen de ce dernier médecin doivent être portés à la connaissance de la victime de l'accident endéans trente (30) jours à partir de la date de la réception de la décision par l'organe payant les indemnités.

La victime de l'accident doit notifier sa position sur ce rapport du médecin de l'organe chargé de payer des indemnités, à défaut de quoi son accord est considéré comme marqué après trente (30) jours.

**Article 9: Règlement des litiges en rapport avec le rapport médical**

En cas de désaccord de la victime de l'accident aux résultats de la contre expertise médicale

wamusuzumye bwa kabiri, afatanya n'urwo rwego gushyiraho undi muganga cyangwa irindi tsinda ry'abaganga rimusuzuma, bakazanafatanya kwishyura ibizakorwa byose. Raporo ikozwe n'uwo muganga cyangwa iryo tsinda ry'abaganga yemerwa nta ngingimira n'impande zombi bityo ikaba ari yo ifatwa nk'ukuri.

the compensation awarding department who carried out the second examination, he/she and that department shall jointly appoint another doctor or a team of doctors to examine him/her, and jointly bear the cost of all activities related to this exercise. The report drawn up by that doctor or by the team of doctors shall be approved automatically by both parties and shall therefore be considered as genuine.

établie par le médecin de l'organe chargé de payer des indemnités ; la victime de commun accord avec cet organe désigne un autre médecin ou groupe de médecins pour un réexamen et la facture sera partagée entre les deux parties. Le dernier rapport de ce réexamen sera irrémédiable et considéré comme fondé dans son contenu.

**Ingingo ya 10 : Kuvuguruza raporo ya muganga**

**Article 10: Challenging a medical report**

**Article 10: Défier le rapport médical**

Raporo ya muganga ishobora kuvuguruzwa imbere y'inkiko iyo abaganga:

The medical report may be challenged before competent courts where doctors have:

Le rapport médical peut être défié devant les instances judiciaires lorsque les médecins ont:

- 1° bakoze ibirengeje ububasha cyangwa ubushobozi bwabo;
- 2° birengagije gusubiza ingingo zimwe na zimwe zabajijwe;
- 3° batanze raporo ikoze ku buryo budahagije cyangwa butari bwo;
- 4° batanze raporo irimo imyanzuro ivuguruzanya ;
- 5° bishe amahame remezo cyangwa amategeko ahana cyangwa y'umudendezo.

- 1° overstepped their powers or capacity;
- 2° omitted to answer some asked questions
- 3° filed a report that is incomplete or in an improper manner;
- 4° submitted a report with contradictory recommendations
- 5° Violated basic principles, criminal laws or safety regulations.

- 1° agi en dehors de leurs compétences ou attributions ;
- 2° omis expressément de répondre à certaines questions posées ;
- 3° remis un rapport incomplet ou non consistant ;
- 4° remis un rapport qui se contredit par ses recommandations ;
- 5° violé les principes de base, de bonnes mœurs ou d'ordre pénal.

**Ingingo ya 11 : Gusuzuma raporo y'abahanga igaragaza ibyangiritse n'agaciro kabyo**

**Article 11: Examination of experts' report on damaged property and its value**

**Article 11: Examen du rapport d'expertise sur les préjudices matériels et leur valeur**

Rukimara kubona raporo y'abahanga igaragaza ibyangiritse n'agaciro kabyo, urwego rushinzwe

Upon receiving experts' report on damaged property and its value, the compensation awarding

L'organe chargé de payer des indemnités peut, dès réception du devis de réparation des dégâts

gutanga indishyi rushobora kwitabaza undi muhanga cyangwa itsinda ry'abahanga kugira ngo yongere abare ibyangijwe. Ibivuye muri uko kubara bwa kabiri bigomba kumenyeshwa uwasabye indishyi mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe iyo nyandiko yashyikirijwe urwego rutanga indishyi.

Uwahohotewe agomba kugaragaza icyo avuga kuri iyo raporo nshya yarenza iminsi mirongo itatu (30) atabikoze bigafatwa ko yayemeye.

**Ingingo ya 12: Uburyo bwo kwishyura**

Iyo urwego rushinzwe gutanga indishyi rumaze kwakira inyandiko zose zisabwa, kandi isaba ry'indishyi rikaba rifite ishingiro, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi rushyikiriza abasabye indishyi uburyo bwo kwishyura busobanutse kandi butanga imibare ijyanye n'itangwa ry'indishyi.

Abafite uburenganzira bwo kwishyurwa batanga icyemezo cyabo kuri ubwo buryo bwo kwishyura mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) cyarenga bigafatwa ko babyemeye.

Iyo habayeho kumvikana abagiranye amasezerano bagomba gukurikiza ubwo buryo bwemeranyijweho ku buryo budasubirwaho, mu

department may call upon another expert or team of experts to carry out a new assessment of the damaged property. The results of the second assessment must be notified to the person who requested for compensation in a period not exceeding thirty (30) days.

The victim shall be required to give his\her opinion on the new assessment report if the period exceeds thirty (30) days, he\she shall be considered to have agreed with the contents of that report.

**Article 12: Modalities for awarding compensation**

Upon receiving all compensation request letters, and where compensation request is valid, the compensation awarding department shall, in a period not exceeding thirty (30) working days, clearly explain to all interested persons modalities for awarding compensation, including relevant figures.

Persons entitled to compensation shall express their opinion on proposed payment modalities in a period not exceeding thirty (30) days, beyond that period, they shall be deemed to have accepted them.

In case of consent, both parties must absolutely abide by the agreed on payment modalities, and where non agreement has been reached the

causés par l'animal, recourir à un autre expert ou groupe d'experts pour éventuelle évaluation contradictoire. Les résultats de cette évaluation contradictoire doivent être portés à la connaissance de la victime de l'accident endéans trente (30) jours.

